Giseke le 9 Mars 1956

ASTRIDA
2377

kuli Bwana Administrateur wa Territoire

A S T R I D A.-

Bwana Administrateur,

Mbashubije kuli barua yanyu №360/A.I. yo kuli tariki ya I.3.'56 yambazaga igituma natinze mu rugendo n'igihe narumaze mo n'igihe nagarukiye.

Bwana Administrateur, ndifuza kubanza kubumvisha ko kubyerekeye imanza zanjyanye alijye ubganjye warushoboye kuziburanira kandi lero nubu ntizirarangira.

Nkijya guhaguluka tariki 21.5.55, convocation yampamagaye nimwe yanyuze ho muyinyohererereza mushyize ho umukono byerekana ko byali byemewe ko ngenda. Ubgo ndagenda ngerayo tariki 25.5.'55. Ubwo lero Bwana Administrateur wa Territoire ya Biumba, amambgira ko azankiriza urubanza ntegereza icyo azantegeka hanyuma turaburana na s/chef Gashongore twali dufitanye urubanza rukomeye rwerekeye abagaragu b'inka nyinshi. Tumaze kuburana Bwana Administrateur Adler yohererereza Umwami urwo rubanza . Ubwo tugera i Nyanza tariki ya 3.6.55 dutegerereza aho Umwami aca urubanza rwacu tariki 25.6.55, ubgo ndatsinda nsubira i Bieumba guhabwa ibyo natsindiye, mpageze Bwana Administrateur waho avuga ko yabonye ibarua ya Bwana Résident ivuguruza urubanza rwa Umwami ivuga ko inka nali natsindiye s/chef Gashongore ku Mwami noneho ko ngo ali iza Gashongore.
Ngaruka I Nyanza kubanza kubaza Umwami nawe ambira ko aliko Bwana Réside yamwandikiye ko ngo natsinzwe aliko nzitaba na Bwana Résident.
Ubgo njya i Kigali mpamara iminsi I4 Bwana Résident ataransubiza hanyuma mubgira ibyo mburana ampa barua nyishyira Bwana Administrateur w'i Bicumba, ivuga ko nzaburana. Ngezeyo Bwana Administrateur ati mfite imilimo myinshi ati taha i wanyu nzaba ngutumaho ubone kuza. Ubgo lero ngaruka ino i Giseke mpagera le I6.9.55. Maze iminisi mike wowe ubgawe wongera kunyohererereza convocation nayo ili ho umukono wawe kandi integeka kuzaba ndi i Biyumba tariki ya 5.10.55 ubgo nabgo ngera yo tariki I5.10.55 Bwana Administrateur antegeka ko nzaburana tariki 2.II.55 yuko ngo mugihe ataramburanisha naba mburana nabandi babagaragu twaburana ga kuko imanza zali nyinshi. Ubgo lero bintera gutangira mu nkiko za chefferies zaho ( Gatsibo, Bwisigi ). I Gatsibo nahageze tariki 6.II.55 mpava tariki 24.Janwari 1956. Ndongera njya mu rukiko rwi Bwisige mpagera le 26.I.56 nahavuye tariki I2.56. mu kwezi kwa mbere, ni nabwo nahavuye nsubira ku musozi i wanjye.

Izo mpamvu zose navugiye ibyo bimenyetso niko biriho kandi murabyumva neza, Bwana Administrateur wa Territoire, ko mul'iyo migendekere y'izo manza zanjye ntagize igitekerezo cyo kwiha ikiruhuko, n'iyo kandi abo bategetsi bose najyaga ho babona ko bitajyaga kungwa neza ntibaba baragiye bampa amategeko kurubanza rwanjye yagiye asa nayo nabandikiye haruguru. Ndasaba ko mwakwitegereza ukuri kw'ibyo mbabgiye mbere yokugira urundi rubanza nshirwa. Ndi s/chef MANYWA TH.